



# العقيدة الصحيحة وما يضادها

سماحة الشيخ عبد الله بن عبد العزيز بن باز رحمه الله

قام بترجمته إلى الكينيا رواندية

الشيخ هكيزي مانا حسن

IMYEMERERE Y'UKURI N'IKINYURANYO CYAYO

*Cyanditswe na*

**Sheikh Abdulahi Ibun Abdul Aziz Ibun Baz**

Cyasobanuwe mu Kinyarwanda na

***SHEIKH HAKIZIMANA Hassan***

طبع على نفقة وصية خولة دخيل الجسار رحمة الله (دولة الكويت) بإشراف اتحاد علماء إفريقيا  
**CYACAPISHIWE KU NKUNGA NDAGANO YA KHAWLAT DAKHIIL AL JASSAR-  
ALLAH AMUGIRIRE IMPUHWE-(MU GIHUGU CYA KUWEIT) BIHAGARARIWE  
N'IHURIRO RY'ABAMENYI BA AFURIKA**

2016/1437

Ikuzo n'ishimwe bikwiye Imana yonyine , Amahoro n'imigisha bisakare k'wasojereje intumwa n'abahanuzi, n'abo mu muryango we n'abasangirangendo be.

Nyuma y'ibyo: Mu gihe ukwemera nyakuri biri mu mwimerere w'idini n'inkingi y'umuco wa Kisilamu nasanze ariwo waba umutwe w'isomo, kandi bizwi neza ko gihamya ziri muri Qoran n'imigenzo y'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) ko ibikorwa n'imvugo biba bizima bikakirwa mu gihe bishingiye ku myemerere n'imyizere nyakuri, mu gihe imyemerere n'imyizere itari mizima ibikorwa n'imvugo byose biyishamikiyeho biba ari impfabusa.

Nkuko Imana yabivuze : (( **UZAHAKANA MU KWEMERA IGIKORWA CYE KIBA IMPFABUSA KANDI NO KU MUNSI W'IMPERUKA AKAZABA MU BANYAGIHOMBO<sup>1</sup>.**))

Imana iravuga iti : (( **MU BYUKURI WAHISHURIWE NA BABANDI BAKUBANJIRIJE KO NURAMUKA UBANGIKANYIJE IMANA IGIKORWA CYAWE KIZANGIRIKA KANDI UZABA NO MU BANYAGIHOMBO<sup>2</sup>.**))

Imirongo ya gihamya kuri ibi bisobanuro ni myinshi, Kandi Igitabo y'Imana kiboneye aricyo Qoran n'Imigenzo y'Intumwa y'umwizerwa Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) igaragaza ko imyemerere n'imyizere nyakuri ikubiye mu ncamake mu : Kwemera Imana, Abamalayika, Ibitabo, Intumwa, Umunsi w'imperuka, no kwemera igeno ry'icyiza n'ikibi, Ibi bintu uko ari bitandatu nibyo myimerere y'ukwemera nyakuri yahishuwe mu gitabo cy'Imana Nyir'icyubahiro, Ni kuri iyo mpamvu Imana yohereje Intumwa yayo Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) iyi myimerere ishamikiyeho buri kimwe cyose kirebana n'ibitagaragara n'ibyo Imana n'Intumwa Muhammadi yayo ( Imana imuhe amahoro n'imigisha) bavuze , kandi na gihamya y'iyi misingi uko ari itandatu ni nyinshi muri Qoran no mu migenzo y'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha ).

Muri izo gihamya harimo : (( **NTABWO IBYIZA ARI KWEREKEZA UBURANGA BWANYU IBURASIRAZUBA N'IBURENGERAZUBA AHUBWO IBYIZA NI UWEMERA IMANA N'UMUNSI W'IMPERUKA N'ABAMALAYIKA N'IGITABO N'INTUMWA<sup>3</sup>.**))

---

<sup>1</sup>Qoran igice cya 5 umurongo wa 5

<sup>2</sup>Qoran igice cya 39 umurongo wa 65

<sup>3</sup>Qoran igice cya 2 umurongo wa 177

Imana Nyir'icyubahiro iravuga ati : (( **INTUMWA YEMEYE IBYAYIHISHURIWE BITURUTSE KURI NYAGASANI WE NDETE N'ABEMERA, BOSE BEMEYE IMANA N'ABAMALAYIKA BAYO N'IBITABO BYAYO N'INTUMWA ZAYO, NTABWO DUTANDUKANYA INTUMWA ZE<sup>4</sup>.** ))

Imana Nyir'icyubahiro iravuga iti : (( **YEMWE ABEMEYE NIMWEMERE IMANA N'INTUMWA YAYO N'IGITABO YAHISHURIYE INTUMWA YAYO NDETSE N'IGITABO YAHISHUYE MBERE , UZAHAKANA IMANA N'ABAMALAYIKA BAYO N'IBITABO BYAYO N'INTUMWA ZAYO N'UMUNSI W'IMPERUKA UWO AZABA ARI MU BUYOBE BWA KURE<sup>5</sup>.** ))

Imana iravuga iti : (( **ESE NTUZI KO IMANA IZI IBIRI MU KIRERE NO KU ISI , IBYO BIRI MU GITABO KANDI IBYO BIROROSHYE KU MANA<sup>6</sup>.** ))

Naho imvugo z'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) zigaragaza iyi minsingi ni nyinshi cyane, harimo imvugo izwi yakiriwe na Muslimu ku mvugo y'umuyobozi w'abayisilamu Omar ibun Al khatwab ( Imana imwishimire ) yavuze ko Djibril yabajije Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) ku kwemera , Intumwa iramubwira iti : **UKWEMERA NI UKO WEMERA IMANA, N'ABAMALAYIKA BAYO, N'IBITABO BYAYO, N'INTUMWA ZAYO, N'UMUNSI W'IMPERUKA, UKEMERA N'IGENO RY'ICYIZA N'IKIBI.**)) yasohowe n'abasheikh babiri n'ubwo inyuranye gato n'imvugo yaturutse kuri Abi Huray'rat.

Iyi misingi uko ari itandatu ishamikiyeho ibyo umuyisilamu yagombye kwizera mu guha Imana ukuri kwayo n'ibirebana n'umunsi w'imperuka n'ibindi birebana n'ibitagaragara.

Mu kwemera Imana harimo kwemera ko Imana ikwiye kugaragirwa mu kuri yo yonyine kuko ariyo yaremye abagaragu ni nayo mugiraneza wabo yita ku mafunguro yabo niyo izi amabanga yabo n'ibigaragara, niyo igenera ibihembo abayumvira igahana abayigomekaho.

Kubera kuyigaragira ni nayo mpamvu Imana yaremye amadjini n'abantu, itegeka ibyo birebana kuyigaragira.

Imana iravuga iti : (( **NTA KINDI NAREMEYE AMADJINI N'ABANTU URETSE KUNGARAGIRA NTABWO MBASHAKAHO AMAFUNGURO NTA NUBWO NSHAKA KO BANGABURIRA MU BYUKURI IMANA NIYO ITANGA**

<sup>4</sup>Qoran igice cya 2 umurongo wa 285

<sup>5</sup>Qoran igice cya 4 umurongo wa 136

<sup>6</sup>Qoran igice cya 22 umurongo wa 70

**AMAFUNGURO KANDI NIYO MUNYEMBARAGA  
ZIKOMEYE<sup>7</sup>.))**

**Imana iravuga iti : (( YEMWE BANTU NIMUGARAGIRE  
NYAGASANI WANYU WE WABAREMYE MWE  
N'ABABABANJIRIJE WENDA MWARUSHAHO  
KUYIGANDUKIRA WE WAGIZE ISI UBURIRI AKAGIRA  
IKIRERE INYUBAKO MAZE AMANURA MU KIRERE  
AMAZI ABAFASHA KWEZA IBIHINGWA KUGIRANGO  
BIBE IFUNGURO RYANYU MURAMENYE  
NTIMUZABANGIKANYE IMANA N'IBIGIRWAMANA KANDI  
MUZI UKURI<sup>8</sup>.))**

Imana ikaba yarohereje intumwa iziha ibitabo kugirango zigaragaze ukuri no guhamagarira abantu kugana ukuri, no kwirinda kunyuranya n'ukuri.

**Imana iravuga iti : (( TWOHEREJE MURI BURI  
MURYANGO INTUMWA IHAMAGARIRA ABANTU NGO  
MUGARAGIRE IMANA IMWE MWIRINDE  
IBANGIKANYAMANA<sup>9</sup>.))**

**Imana iravuga iti : (( NTA NTUMWA TWOHEREJE MBERE  
YAWE USIBYE KO TWAYIHISHURIRAGA KO NTA YINDI  
MANA USIBYE NJYE NIMUNGARAGIRE<sup>10</sup>.))**

**Imana iravuga iti : (( IGITABO KIRIMO IMIRONGO IRIMO  
UBUGENGE NYUMA IGASOBANURWA NA  
NYIR'UBUGENGE UFITE AMAKURU YA BYOSE,  
NTIMUKAGIRE UNDI MUGARAGIRA CYERETSE IMANA  
IMWE KUKO NDI UMUBURIZI WANYU NO KUBAGEZAHO  
INKURU NZIZA<sup>11</sup>.))**

Ukuri ko kugaragira ni uguharira Imana amasengesho yaba mu busabe , kugira ubwoba, kwiringira, isengesho, igisibo, gutamba, kugambirira n'andi moko yo kugaragira, mu kwicisha bugufi , kugira ubushake, kugira ugutinya birimo n'urukundo rwuzuye , no gusuzugurika imbere y'Imana, Qoran ikaba yarahishuwe kubera uyu musingi uhambaye, nk'imvugo y'Imana aho igira iti: (( **GARAGIRA IMANA UYEREZE<sup>12</sup> .....**))

---

<sup>7</sup>Qoran igice cya 51 umurongo wa 56-58

<sup>8</sup>Qoran igice cya 2 umurongo wa 21-22

<sup>9</sup>Qoran igice cya 16 umurongo wa 36

<sup>10</sup>Qoran igice cya 21 umurongo wa 25

<sup>11</sup>Qoran igice cya 11 umurongo wa 1-2

<sup>12</sup>Qoran igice cya 39 umurongo wa 2-3

Imana iravuga iti : (( **NYAGASANI WAVE YATEGETSE KO NTA WUNDI MUGOMBA KUGARAGIRA USIBYE WE WENYINE<sup>13</sup>.**))

Imana iravuga iti : (( **MUSABE IMANA YO YONYINE KABONA N'UBWO BYABABAZA ABAHAKANYI<sup>14</sup>** ))

No mu gitabo cya Al Bukhariy na Muslim ku mvugo yaturutse kuri Muadhi ( Imana imwishimire ), Intumwa y'Imana ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) yaravuze iti : (( **UKURI KW'IMANA KU BAGARAGU BAYO NI UKO BAGOMBA KUYIGARAGIRA BAKIRINDA KUYIBANGIKANYA N'ICYO ARICYO CYOSE.** ))

No mu myemerere kandi harimo ibyo Imana yategetse abagaragu bayo mu kubahiriza inking z'ubuyisilamu eshanu arizo : Guhamya ko nta yindi Mana ikwiye kugaragirwa uretse Imana imwe rukumbi no guhamya ko Muhammadi( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) ari Intumwa y'Imana , Guhozaho amasengesho, Gutanga ituro, Gusiba igisibo cy'ukwezi kwa ramadhani, no gukora umutambagiyo ku nzu y'Imana iri i makka kuri wa wundi ubifitiye ubushobozi , n'andi mategeko ari mu dini ya islamu.

Muri izi nkingi iza ku isonga ni uguhamya ko nta yindi Mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri uretse Imana imwe rukumbi no guhamya ko Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) ari Intumwa y'Imana.

Guhamya ko nta yindi Mana ikwiye kugaragirwa , hakubiyemo ibintu bibiri: Guharira Imana amasengesho nta wundi ugaragiwe ni nacyo gisobanuro cya “LA ILAHA ILA LLAHU” nta wundi ukwiye kugaragirwa , bityo ikigaragiwe cyose kitari Imana nyakuri yaba ari umuntu cyangwa umwami, cyangwa se idjini n'ibindi ayo masengesho aba ari impfabusa, ukwiye kugaragirwa by'ukuri ni Imana imwe rukumbi.

Nkuko Imana yabivuze : (( **NI UKO IMANA NI UKURI KANDI IBIGARAGIRWA BITARI WE NI IMPAFABUSA<sup>15</sup>.**))

Mbere hagaragajwe ko Imana yaremye idjini n'ikiremnamuntu kubera kugaragira Imana, no kuba Imana yarohereje intumwa zayo akazihishurira ibitabo, tekereza neza, ushishoze urasanga hari benshi mu bayisilamu baguye mu ikosa ryo kubangikanya Iman kubera ubujiji , kugeza ubwo ukuri kw'Imana baguhariye ibindi biremwa, Imana niyo twikingaho.

---

<sup>13</sup>Qoran igice cya 17 umurongo wa 23

<sup>14</sup>Qoran igice cya 40 umurongo wa 14

<sup>15</sup>Qoran igice cya 22 umurongo wa 62

No mu myemerere yo kwemera Imana ni ukwemera ko ariwe waremye agahanga iyi si, kandi akaba ariwe mugenza wabyo no kubikoresha mu buryo ashatswe ku bumenyi bwe n'ubushobozi bwe, kandi ko ariwe mwami w'isi n'umunsi w'imperuka akaba na Nyagasani umurezi w'ibiremwa byose, nta wundi waremye uretse we gusa, nta wundi murezi uretse we, akaba yarohereje intumwa azihishurira ibitabo kugirango zitunganye abagaragu zinabahamagarire inzira ibarokora mu gutungana kwabo kwa vuba n'ukw'igihe kirekire, kandi Imana ntacyo ibangikanyije muri ibyo byose.

Imana iravuga iti : (( **IMANA YAREMYE BURI CYOSE KANDI NI NAWA MUGENGA WA BURI CYOSE<sup>16</sup>** .))

Imana iravuga iti : (( **MU BYUKURI NYAGASANI WANYU NIWE WAREMYE IBIRERE N'ISI MU MINSI ITANDATU NYUMA YICARA KU NTEBE YAYO<sup>17</sup>** .....))

No mu myemerere yo kwemera Imana na none ni ukwemera amazina ye meza n'ibisingizo bye by'ikirenga byavuzwe mu gitabo cye gitagatifu bikanashimangirwa n'Intumwa ye y'umwizerwa ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) nta guhindura nta gusanisha cyangwa gupfobya , ahubwo ni ngombwa ko bivugwa nkuko byavuzwe nta gusanisha , ibi bikajyana no kwemera ibisobanuro by'amazina n'ibisingizo bye, agasingizwa bimukwiye nta kubisanisha n'ibiremwa bindi.

Nkuko Imana ibivuga : (( **NTA GIHWANYE NAWA, NIWE WUMVA AKANABONA<sup>18</sup>** .))

Imana iravuga iti : ((**NTIMUKAGERERANYE IMANA , MU BYUKURI IMANA IRAZI MWE NTACYO MUZI<sup>19</sup>** .))

Iyi niyo myemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) mu basangirangendo be n'ababakurikiye mu byiza. Ni nabyo umuyobozi witwaga Abul Hassan Al Ash'ariy ( Imana imugirire impuhwe ) yigishije mu gitabo cye yise AL MAQALATI ( Ibivugwa ) abikuye ku bamenyi b'imvugo n'imigenzo by'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) kandi byigishijwe n'abandi bamenyi bafite ukwizera nyakuri.

**AL AW'ZAAIY** ( Imana imugirire impuhwe ) yaravuze ati : Uwitwa Zuh'riy na Mak'huli babajijwe ku mirongo ya Qoran ivuga ku bisingizo by'Imana baravuga bati : Mujye mubyigisha munabivuge nkuko byavuzwe,

---

<sup>16</sup>Qoran igice cya 22 umurongo wa 62

<sup>17</sup>Qoran igice cya 39 umurongo wa 62

<sup>18</sup>Qoran igice cya 42 umurongo wa 11

<sup>19</sup>Qoran igice cya 16 umurongo wa 74

Uwitwa **AL WALIDI** mwene Muslim ( Imana imugirire impuhwe ), Uwitwa **MALIKI** na **AL AW'ZAAIY** na **ALLAY'THU** mwene **SAAD** na **SUF'YANA ATHAW'RIY** babajijwe ku birebana ibyavuzwe ku bisingizo by'Imana baravuga bati : Mujye mubyigisha nkuko byavuzwe nta gusanisha .

**AL AW'ZAAIY**( Imana imugirire impuhwe ) aravuga ati : Twe n'abaje nyuma y'abasangirangendo b'Intumwa twese hamwe twavugaga ko Imana iri ku ntebe yayo ntagatifu tukemera n'ibyavuzwe mu migenzo y'Intumwa Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) ku bisingizo by'Imana.

Ubwo uwitwaga **RABIAT** mwene **ABI ABDI RAH'MANI SHEIKH MALIKI** ( Imana ibagirire impuhwe bombi ) yabazwaga ku kwicara kw'Imana yaravuze ati :(Kwicara ntawe utabizi , uburyo bwo kwicara ntibwumvikana, ubutumwa buturuka ku Mana , Intumwa nayo ikabusohozwa, icyo dusabwa n'ukubyemera).

Imamu **MALIKI** ( Imana imugirire impuhwe ) abajijwe nawe icyo kibazo aravuga ati : ( Kwicara birazwi, uburyo bwo kwicara ntibuzwi, kubyemera ni ngombwa, kubyibazaho ni igihimbano ) maze asubiza uwari ubajije : mu byukuri ndabona uri umugabo mubi ateguka ko yahita asohorwa, na none kandi ibi bisobanuro byanavuzwe na Mama w'abemera **UMU SALAMA** ( Imana imwishimire ) .

Imamu **ABU ABDU RAH'MANI ABDULLAHI** mwene **AL MUBARAK** ( Imana imugirire impuhwe) yaravuze ati : ( Tuzi Nyagasani wacu ko ari hejuru y'ibirere ku ntebe ye ntagatifu yitaruye ibiremwa bye.)

N'ibyavuzwe n'abayobozi b'abamenyi b'idini ya islamu ni benshi kubera umwanya muto ntibyashoboka ko twabivuga byose, uwifuzaga kumenya byinshi asome ibyanditswe n'abamenyi b'imigenzo y'Intumwa Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha) nk'igitabo cyitwa **AS-SUNA** cya Abdullahi mwene Al Imam Ah'mad , n'igitabo cyitwa **AT-TAWUHIDI** cya Imamu Al Djalili Muhammadi mwene Al Khuzay'mat, n'igitabo cyitwa **AS-SUNA** cya Abil Qasim Al lakaaiy At-twabariy, n'igitabo cyitwa **AS-SUNA** cya Abu Bakar mwene Abi Aaswim, ndetse n'igisubizo cyatanze na Sheikhul islami mwene Tay'miyat agiha Ahlu Humati , ni igisubizo gihambaye kirimo inyungu aho yagaragaje Imyemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) avugamo bimwe mu byo abamenyi bagiye bavugaga na gihamya z'idini n'izijyanye n'ubwenge mu kugaragaza ko ibyavuzwe n'abagendera ku mugenzo y'Intumwa ko ari ukuri no kugaragaza ikinyoma cy'abanyuranya nabo.

Ndetse no mu butumwa bwe buri mu gitabo cyitwa ATAD'MURIYAT yabigarutseho agaragaza imyemerere y'abagenda ku migenzo y'Intumwa Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha) agaragaza na gihamya batanga muri Qorani no mu migenzo y'Intumwa ndetse na gihamya zigendanye n'ubwenge, ndetse no gusubiza abanyuranya n'ukuri, ikinyoma kikagaragazwa n'abamenyi bazi ukuri ibyo byose bikorwa ku mugambi mwiza n'ubushake mu kumenya ukuri, kandi n'unyuranyije n'abagenda ku migenzo y'Intumwa mu byo bemera ku birebana n'amazina y'Imana n'ibisingizo byayo uwo aba anyuranyije na gihamya ziboneka muri Qoran n'iziboneka mu migenzo y'Intumwa ndetse akaba ananyuranyije na gihamya zigendanye n'ubwenge.

Naho abagenda ku migenzo y'Intumwa Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) bashimangiriye Imana ibyo Imana nayo yishimangiriye mu gitabo cye, bikanashimangirwa n'Intumwa Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) gushimangira bitari ugusanisha kandi batagatifuzwa Imana mu kudapfobya ibimuranga bituma bagira amahoro muri bo banagenda kuri gihamya zose , iki akaba ari kamere kuri wa wundi ugendera ku kuri kohererejwe Intumwa z'Imana, maze akanagira n'umuhate akanabyegurira Imana mu gushaka gusobanukirwa.

Imana iravuga iti : (( **AHUBWO DUKURAHO IKIBI TUGIKUZAHO ICYIZA , KIKAYOYOKA <sup>20</sup>**))

Imana iravuga iti : ((**NTABWO BASHOBORA KUKUZANIRA URUGERO ( RWA QORAN ) URETSE KO TWAKUZANIYE UKURI N'IBISOBANURO BYIZA <sup>21</sup>**))

Al Hafidh Ibun Kathir ( Imana imugirire impuhwe ) mu gusobanura Qoran yasobanuye umurongo wa Qoran : (( **MU BYUKURI NYAGASANI WANYU NIWE WAREMYE IBIRERE N'ISI MU MINSI ITANDATU NYUMA YICARA KU NTEBE YAYO<sup>22</sup>** ))

Awusobanura mu Magambo meza ni byiza ko naha avugwa bitewe n'inyungu ziyarimo.

Yaravuze ati : Kuri ibi abantu bafite byinshi bavuga , icyangombwa ni ukureba intyoza zabanje harimo Maliki, Al Aw'zaaiy na Thawuriy na Allay'thiy mwene Saad na Shafiiy na Ah'madi, na Is'haqa mwene Rahaway'hi n'abandi mu bayobozi ba kisilamu bo hambere n'ubu , ko byigishwa nkuko byavuzwe nta gusanisha no kwibaza uburyo cyangwa se gupfobya.

<sup>20</sup> Qoran igice cya 21 umurongo wa 18

<sup>21</sup> Qoran igice cya 25 umurongo wa 33

<sup>22</sup> Qoran igice cya 7 umurongo wa 54



Ikigaragara bihita byumvikana mu bwonko bwa babandi basanisha ibisingizo by'Imana n'ibiremwa bagahakana bimwe mu bisingizo by'Imana bamenye ko Imana ntacyo isa nacyo mu byo yaremye kandi nkuko byavuzwe n'abayobozi b'idini barimo uwitwa Nuayimu mwene hamad Al khuzaaiy Sheikh wa Al bukhariy yaravuze ati: Uzasanisha Imana n'ibyo yaremye aba ahakanye, n'uhakanya ibisingizo Imana yisingije nawe aba ahakanye kandi ku byo Imana yisingije ndetse akanasingizwa n'Intumwa yayo nta gusanisha kuba kurimo, bityo ushimangiye ibisingizo by'Imana nkuko byahishuwe mu mirongo ya Qoran n'ibyagiye bivugwa n'Intumwa ndetse n'abamenyi kuri ibyo bisingizo uwo aba ayobotse inzira igororotse. ( Amagambo ya Ibun Kathir arangiriye aha ).

Naho kwemera Abamalayika hakubiyemo : Kubemera bose mu ncamake no mu buryo burambuye, Umusilamu akemera ko abamalayika Imana yaremye abamalayika kugira bumvire Imana.

**Imana ikaba ibataka igira iti : (( NI ABAGARAGU B'ABANYACYUBAHIRO KANDI BUBAHIRIZA ITEGEKO RY'IMANA BAKARISHYIRA MU BIKORWA, IMANA IZI IBIRI MU MABOKO YABO N'IBIRI INYUMA HABO, NTAWE BATAKAMBIRIRA KERETSE UWISHIMIWE KANDI BATINYA IMANA<sup>23</sup> .))**

Abamalayika bakaba baravuzwe no mu mvugo z'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) .

Byashimangiwe mu mvugo yaturutse kuri Aisha ( Imana imwishimire ) Intumwa y'Imana ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) yaravuze ati : ( ABAMALAYIKA BAREMWE MU RUMURI , NAHO AMADJINI AREMWA MU BISHASHI BY'UMURIRO , NAHO ADAMU AREMWA MUBYO MWABWIWE. ) Yakiriwe na Muslimu .

Ni gutyo na none no kwemera ibitabo tugomba kubyemera byose no kwemera ko Imana yahishuriye ibitabo Intumwa zayo kugurango hagaragazwe ukuri no guhamagarira abandi inzira y'Imana.

**Nkuko Imana ibivuga : (( TWOHEREJE INTUMWA ZACU TUBAHA NA GIHAMYA , TUNABAHISHURIRA IGITABO N'UMUNZANI, KUGIRANGO ABANTU BAGUME KU KURI<sup>24</sup> .))**

**Imana iravuga iti : (( ABANTU BARI UMURYANGO UMWE, IMANA YOHEREZA ABAHANUZI BAZANYE INKURU NZIZA NO KUBURIRA , ANABAHISHURIRA IGITABO MU**

<sup>23</sup>Qoran igice cya 21 umurongo wa 26-28

<sup>24</sup>Qoran igice cya 57 umurongo wa 25

**KURI KUGIRANGO ARICYO KIYOBORA HAGATI Y'ABANTU KU BYO BATUMVIKANAHO<sup>25</sup>.))**

Tukemera mu buryo burambuye amazina y'ibyo bitabo nka TAWURATI, IVANJILI, ZABURI na QORANI.

Qoran nicyo gitabo kiboneye cyasoreje ibindi, kirimo ukuri, ni ngombwa ku miryango yose kubikurikiza no kuba byakwifashishwa mu guca imanza, no kwifashisha imvugo z'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha). Kubera ko Imana yohereje Intumwa yayo Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) biremwa byose abantu n'amadjini, abamanurira Qoran kugirango abe ariyo bagenderaho mu mategeko abagenga ayigira umuti w'ibiri mu bituza, no kugaragaza buri kimwe cyose ikaba umuyoboro n'impuhwe ku bemeramana.

Imana iravuga iti : (( **IKI GITABO TWAKIMANUYE ARI UMUGISHA , MUGIKURIKIRE MUNATINYE IMANA WENDA MWAGIRIRWA IMPUHWE<sup>26</sup>.))**

Imana Nyir'icyubahiro iravuga iti : (( **TWAKUMANURIYE IGITABO KIGARAGAZA BURI KIMWE KIKABA UMUYOBORO N'IMPUHWE N'INKURU NZIZA KU BAYISILAMU<sup>27</sup> .))**

Imana iravuga iti : (( **YEMWE BANTU NDI INTUMWA YABOHEREJWEHO MWESE , WE UFITE UBWAMI BW'IBIRERE N'ISI NTA YINDI MANA IKWIYE KUGARAGIRWA USIBYE YO, ITANGA UBUZIMA IKANATANGA URUPFU, NIMWEMERE IMANA N'INTUMWA YAYO , UMUHANUZI UTARI UZI GUSOMA NO KWANDIKA WEMERA IMANA N'AMAGAMBO YE , NIMUMUKURIKIRE WENDA MWAKOMEZA KUYOBOKA<sup>28</sup>.))**

Imirongo ya gihamya kuri ibi bisobanuro ni myinshi, bityo ni ngombwa kwemera Intumwa z'Imana mu ncamake no mu buryo burambuye, tukemera ko Imana yohereje Intumwa ku bagaragu be harimo abazanye inkuru nziza no kuburira n'ababwirizabutumwa bahamagarira ukuri, uzitabira ubutumwa bw'Intumwa uwo azaba afite umunezero naho uzabirengagiza akabatera umugongo uwo azaba ari mu gihombo no kwiveba, kandi uwabasozeje ni Intumwa Muhammadi mwene Abdullahi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

<sup>25</sup>Qoran igice cya 2 umurongo wa 213

<sup>26</sup>Qoran igice cya 6 umurongo wa 155

<sup>27</sup>Qoran igice cya 16 umurongo wa 89

<sup>28</sup>Qoran igice cya 7 umurongo wa 158

Nkuko Imana ivuga : (( **TWOHEREJE KURI BURI MURYANGO INTUMWA ZIHAMAGARIRA ABANTU BAZO NGO MUGARAGIRE IMANA MWIRINDE GUSENGA IBIGIRWAMANA<sup>29</sup>.** ))

Imana iravuga iti : (( **INTUMWA ZIVUGA INKURU NZIZA ZIKABURIRA KUGIRANGO ABANTU BATAZAGIRA URWITWAZO NYUMA YO KOHEREZWA KW'INTUMWA<sup>30</sup>.** ))

Imana iravuga iti : (( **MUHAMMADI NTABWO ARI SE W'UMWE MURI MWE AHUBWO NI INTUMWA Y'IMANA AKABA N'UMUSOZO W'ABAHANUZI<sup>31</sup>.** ))

Naho kwemera umunsi w'imperuka hakubiyemo kwemera ibyawuvuzweho n'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) ku bizaba nyuma y'urupfu nk'ibigeragezo n'ibihano byo mu mva ndetse n'umunezero waho, n'ibizaba ku munsi w'imperuka n'inzira izanyurwaho n'umunzani , ibarura, ibihembo, n'abantu guhabwa ibitabo bikubiyemo ibyo bakoraga, hari uzakira igitabo cye mu kuboko kw'iburyo hari n'uzacyakira mu kuboko kw'ibumoso, cyangwa se akagihabwa inyuma y'umugongo we, aha nanone harimo umugezi w'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ),

No kwemera ko ijuru n'umurio biriho, no kuba abemeramana bazabona Imana Nyagasani wabo imbonankubone bakanamuvugisha , n'ibindi byaba byaravuzwe muri Qoran no mu migenzo y'Intumwa Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) bivuga ku munsi w'imperuka, bityo ni ngombwa kubyemera nkuko byagaragajwe n'Imana n'Intumwa yayo Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ).

**Naho kwemera igeno hakubiyemo kwemera ibintu bine :**

1-Kwemera ko Imana izi ibyabaye n'ibizaba kandi ko azi imibereho y'abagaragu be n'amafunguro yabo, n'igihe cyabo cyo kubaho kandi nta kijya kimwihisha muri ibyo byose. Imana iravuga iti : ((**MU BYUKURI IMANA IZI BURI KINTU<sup>32</sup>.** )) Imana iravuga na none iti : (( **KUGIRANGO MUMENYE KO IMANA ISHOBOYE BURI KINTU KANDI BURI KINTU CYOSE IMANA IGIFITIYE UBUMENYI<sup>33</sup>.** ))

---

<sup>29</sup>Qoran igice cya 16 umurongo wa 36

<sup>30</sup>Qoran igice cya 4 umurongo wa 165

<sup>31</sup>Qoran igice cya 33 umurongo wa 40

<sup>32</sup>Qoran igice cya 9 umurongo wa 115

<sup>33</sup>Qoran igice cya 65 umurongo wa 12

2-Kwemera ko Imana yanditse buri geno ryose rizaba, Imana iravuga iti : (( **TUZI IBO ISI ITWARA MURI BO KANDI DUFITE IGITABO KIRINZWE<sup>34</sup>** .)) Imana iravuga iti : (( **BURI KINTU CYOSE TWAKIBARURIYE MU MUYOBORO UGARAGARA<sup>35</sup>**.)Imana iravuga iti : (( **ESE NTUZI KO IMANA IZI IBIRI MU KIRERE NO KU ISI,IBYO BYOSE BIRI MU GITABO, KANDI IBYO BIROROSHYE IMBERE Y'IMANA<sup>36</sup>**.)

3-Kwemera ubushake bw'Imana mu gihe ishakiye buraba kandi ibyo idashaka ko biba ntibiba, Imana iravuga iti : (( **MU BYUKURI IMANA IKORA IBYO ISHATSE<sup>37</sup>** . )) Imana iravuga iti : (( **MU BYUKURI IYO ISHATSE KO ITEGEKO RIBA IRAVUGA NGORIBE RIGAHITA RIBA<sup>38</sup>** .)) Imana iravuga iti : (( **NTACYO MWASHAKA GUKORA KERETSE ICYO IMANA UMUREZI W'IBIREMWA ASHATSE<sup>39</sup>** .))

4-Kwemera ko Imana yaremye buri kiremwa cyose , nta wundi waremye uretse we , nta nyagasani wundi uretse we, Nkuko Imana ibivuga : (( **IMANA YAREMYE BURIKIMWE CYOSE KANDI NI Nawe MUGENGA WA BURI CYOSE<sup>40</sup>**.) ) , Imana iravuga iti : (( **YEMWE BANTU MWIBUKE INEMA Z'IMANA KURI MWE, ESE HARI UNDI UREMA UTARI IMANA ? UNABAHA AMAFUNGURO AYAVANYE MU KIRERE NO MU ISI, NTA YINDI MANA IKWIYE KUGARAGIRWA URETSE WE<sup>41</sup> ... ))**

Bityo kwemera igeno hakubiyemo ibyo bintu bine byavuzwe ku bagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana , bitandukanye n'ababihakana mu ba nyabihimbano mu idini, mu kwemera Imana harimo na none kwizera ko Ukwemera ari imvugo n'ingiro byiyongera mu kumvira Imana bikagabanuka mu kuyikosereza , kandi ntibyemewe kugira undi muyisilamu umuhakanyi kubera icyaha runaka kitari ibangikanyamana n'ubuhakanyi, nk'ubusambanyi, kwiba, kurya iby'inyongera , kunywa ibisindisha, kubahuka ababyeyi,

---

<sup>34</sup>Qoran igice cya 50 umurongo wa 4

<sup>35</sup>Qoran igice cya 36 umurongo wa 12

<sup>36</sup>Qoran igice cya 22 umurongo wa 70

<sup>37</sup>Qoran igice cya 22 umurongo wa 18

<sup>38</sup>Qoran igice cya 36 umurongo wa 82

<sup>39</sup>Qoran igice cya 81 umurongo wa 29

<sup>40</sup>Qoran igice cya 39 umurongo wa 62

<sup>41</sup>Qoran igice cya 35 umurongo wa 3

n'ibindi byaha bikuru, bityo rero ntibyemewe guhindura undi umuhakanyi kubera ibyo.

Imana iravuga iti : (( **IMANA NTIJYA IBABARIRA ICYAHA CYO KUYIBANGIKANYA, AHUBWO IBABARIRA IKINDI CYAHA KUWO ISHATSE<sup>42</sup>.**))

Nkuko byashimangiwe mu mvugo z'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) Intumwa ivuga ko Imana izavana mu muriro uwo mu mutima we harimo ukwemera kabone n'ubwo uko kwemera kwaba kungana n'urubuto, kandi kwemera Imana bijyana no gukunda no kwanga kubera Imana , no gushyigikirana no kwangana, Umwemeramana agakunda abemeramana bagenzi be akanabashyigikira, akanga abahakanyi ntabagirire urukundo, abaza ku isonga mu bemeramana harimo abasangirangendo b'Intumwa y'Imana Muhammadi( Imana imuhe amahoro n'imigisha ).

Bityo abagendera ku migenzo y'Intumwa Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) bakunda abasangirangendo bayo bakanabashyigikira, kandi bakizera ko aribo bantu beza kurusha abandi nyuma y'Intumwa z'Imana.

Intumwa yaravuze iti : (( **ABANTU BEZA NI ABO MU KINYEJANA CYANJYE, HAGAKURIKIRAHO ABAZAZA NYUMA YABO, HAGAKURIKIRAHO ABAZAKURIKIRANYUMA YABO.**)) Yakiriwe na Bukhariy na Muslimu.

Kandi banizera ko umwiza muri bo kurusha abandi ari ABU BAKARI , hagakurikiraho OMARI, UTH'MANI, na ALI ( Imana ibishimire bose ). Nyuma y'aba hakurikiraho abandi basangirangendo biyongera kuri aba kaba icumi, nyuma hagakurikiraho abandi basangirangendo muri rusange ( Imana ibishimire ), kandi abagendera ku migenzo y'Intumwa ntibavuga ibyo abasangirangendo batumvikanyeho ahubwo baricecekerana, bakizera ko ibyo bakoze batumvikanaho byari mu rwego rw'umuhate mu idini, ugize umuhate agatunganya uwo afite ibihembo bibiri , naho ukosheje mu muhate we uwo afite igihembo kimwe, kandi bakunda abo mu muryango w'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) bamwizeraga nk'Intumwa.

Bagashyigikira abagore b'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) bakanabishimira bose , bakanabagira abere kubyo bagiye bavugwaho n'abitandukanyije n'imyemerere y'idini nyakuri ba bandi batuka bakanavuga nabi bagatesha agaciro

---

<sup>42</sup>Qoran igice cya 4 umurongo wa 48

abasangirangendo b'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) bakagira abo batonesha cyane kurusha abandi bo mu muryango w'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) bakabashyira mu rwego rurenze urwo Imana yabahaye, kandi bakagira abere abitwa "AN-NAWASWIBU " babuza amahoro abo mu muryango w'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha ) mu mvugo no mu bikorwa.

Ibyo twavuze muri iri jambo rigufi biri mu myemerere n'imyizere nyakuri , yo mpamvu yo kuba Imana yarohereje Intumwa yayo Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ), akaba ari imyemerere y'itsinda rizarokoka ni babandi bagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha )

Intumwa y'Imana ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) yavuze kuri iri tsinda : (( **UMURYANGO WANJYE URACYARI KU KURI , ABABARWANYA NTACYO BAZABATWARA KUGEZA IGIHE ITEGEKO RY'IMANA RIZAZIRA.**)) Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) iravuga iti : (( **ABAYAHUDI BACITSEMO IBICE BIGERA KURI MIRONGO IRINDWI NA KIMWE, ABAKIRISITO BACIKAMO IBICE BIGERA KURI MIRONGO IRINDWI NA BIBIRI, UYU MURYANGO UZACIKAMO IBICE BIGERA KURI MIRONGO IRINDWI NA BITATU , IBYO BICE BYOSEBIZAJYA MU MURIRO KERETSE KIMWE MURI BYO,** Abasangirangendo baravuga bati : icyo gice kitazajya mu muriro ni ikihe ? Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha ) iravuga iti : **NI ABARI KUMUGENZO WANJYE , NJYE N'ABASANGIRANGENDO BANJYE.**)) Iyi niyo myemerere nyakuri ikwiye kugenderwaho no kuyigiraho igihagararo no kwirinda abanyuranya nayo.

Naho abanyuranya n'iyi myemerere bo ni benshi, ni abasenga ibigirwamana, bagasenga abamalayika, bagasenga abantu bagenzi babo baranzwe n'ibikorwa byiza, bagasenga amadjini, ibiti, amabuye n'ibindi , abo bose ntibakurikiye umuhamagaro w'Intumwa z'Imana, usibye ko banyuranyije nazo barabarwanya nkuko byakozwe n'ababangikanyamana bo mu bwoko bw'abakurayishi, na bamwe mu barabu hamwe n'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) .

Abo babangikanyamana bajyaga basaba ibigirwamana byabo ko byabakemurira ibibazo byabo, no gukiza abarwayi, no gutsinda umwanzi, bakabagira ibyo bigirwamana bakanabigirira umugambi ,

Intumwa y’Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha ) imaze kubagaragariza ko ibyo bakora ari ubuyobe ababwiriza ko bagomba guharira Imana amasengesho byarabatangaje barabihakana baravuga bati : (( **ESE YAGIZE IMANA TWASENGAGA IMANA IMWE , MU BYUKURI IBI BIRATANGAJE<sup>43</sup> .**))

Intumwa y’Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha ) ntiyahwemye gukomeza kubahamagarira kugana Imana no kubaburira kureka ibangikanyamana, akabasobanurira ukuri kw’ibyo abahamagarira kugeza ubwo hari abayobotse muri bo baza kwinjira idini ku bwinshi, maze idini ya islamu iganza andi madini nyuma y’ibwirizabutumwa ryakorwaga, no guharanira Imana kw’Intumwa y’Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha ) n’abasangirangendo be (Imana ibishimire) n’ababakurikiye mu byiza, Nyuma byaje guhinduka maze ubujiji bwo kudasobanukirwa buriyongera kugeza ubwo abenshi baje gusubira mu bujiji bakagira ukurengera ku ntumwa z’Imana, n’abaranzwe n’ibikorwa byiza , no kubasaba inkunga n’andi moko y’ibangikanyamana, ntibasobanukiwe n’igisobanuro cy’ijambo “**LA ILAHA ILA LLAHU** ” nkuko ryasobanukiwe n’abahakanyi b’abarabu, Imana niyo mufasha.

Iri bangikanyamana ryakomeje gukwirakwira mu bantu kugeza iki gihe bitewe n’ubujiji ndetse na nyuma y’igihe cy’ubutumwa .

Urwikekwe rw’abaje nyuma rwatewe n’urwababanjirije , mu mvugo yabo : (( **ABO NI ABAVUGIZI BACU KU MANA<sup>44</sup> .**))

(( **NTITUBISENGA USIBYE KO ARI UKUGIRANGO BITWEGEREZE IMANA<sup>45</sup> .**))

Imana yagize impfabusa icyo kinyoma igaragaza ko uzagaragira undi utari we uko yaba ameze kose uwo aba abangikanyije Imana ndetse anahakanye, nkukoImana ibivuga : (( **BAGARAGIRA IBITARI IMANA BITAGIRA ICYO BIBATWARA N’ICYO BYABAMARIRA, BAKAVUGA KO IBYO ARIBYO BIZABAVUGANIRA<sup>46</sup> .**))

Imana ibasubiza ivuga iti : (( **VUGA UTI ESE MUBWIRA IMANA IBYO ITAZI MU BIRERE NO MU ISI, UBUTAGATIFU NI UBW’IMANA KANDI IMANA IRI KURE Y’IBYO BAYIBANGIKANYA<sup>47</sup> .**))

---

<sup>43</sup>Qoran igice cya 38 umurongo wa 5

<sup>44</sup>Qoran igice cya 10 umurongo wa 18

<sup>45</sup>Qoran igice cya 39 umurongo wa 3

<sup>46</sup>Qoran igice cya 10 umurongo wa 18

<sup>47</sup>Qoran igice cya 10 umurongo wa 18

Mu uyu murongo Imana iragaragaza ko kugaragira undi utari we mu ntumwa no mu bantu baranzwe n'ibikorwa byiza n'abandi ni ibangikanyamana rikuru kandi n'ubwo ababangikanyamana baryita ukundi.

Imana iravuga iti: (( **BA BANDI BAGIZE ABAKOZE IBIKORWA BYIZAMURI BO BAVUGA KO NTA YINDI MPAMVU YO KUBAGARAGIRA USIBYE KUBEGEREZA IMANA<sup>48</sup>.** ))

Imana irabasubiza igira iti: (( **IMANA ITEGEKA HAGATI YABO IKABACIRA IMANZA Y'IBYO BATUMVIKANAHU , MU BYUKURI IMANA NTIJA IYOBORA UMUBESHYI W'UMUHAKANYI<sup>49</sup>.** ))

Imana igaragaza ko amasengesho yabo atari ayo kuyigaragira yo yonyine mu kuyisaba, gutinya, kwiringira n'ibindi aba ayihakanye, no mu kinyoma cyabo bavuga ko Ibigirwamana byabo bibegereza ku Mana.

No mu myemerere ya gihakanyi inyuranye n'imyemerere nyakuri ndetse ikaba inanyuranye n'ibyahishuriwe Intumwa n'Abahanuzi, ni imyemerere y'ababangikanyamana muri iki gihe ku bakurikiye uwitwa **MAR'KOS WILNEEN** n'abandi, mu babwirizabutumwa b'ibangikanyamana n'ubuhakanyi, kabone n'ubwo babyita **ISH'TIRAKIYA** ( Gushyira hamwe ) cyangwa ( **SHUYUIYA** ) cyangwa se **BIITHIYAT** ( Intumwa ) n'andi mazina yandi , mu byukuri imwe mu misingi y'abo babangikanyamana harimo ko **NTA MANA , KANDI UBUZIMA NI IKINDI**, na none kandi mu misingi yabo harimo guhakana umunsi w'ibarura no guhakana ukubaho kw'ijuru n'umuriro, no guhakana amadini yose, kandi urebye mu bitabo byabo n'isomo ku nzira bariho n'ubumenyi kuri uko kwizera, nta gushidikanya ko iyi myemerere ihabanye n'amadini yahishuwe, kandi iganisha ahabi abafite iyo myemerere ku isi no ku munsu w'imperuka.

No mu myemerere itandukanye n'ukuri ni imyemerere y'abitwa abasufi ( **ABAROKORE** ) ko abaranzwe n'ibikorwa byiza bafatanyaga n'Imana muri gahunda zayo, kandi ko bakora ibyo bashatse ku birebana n'ibiri ku isi babyita **al q'tab naal aw'tad na al agh'wath** n'andi mazina bahimbiye Imana zabo.

---

<sup>48</sup>Qoran igice cya 39 umurongo wa 3

<sup>49</sup>Qoran igice cya 39 umurongo wa 3



Ibi akaba ari ibangikanyamana ribi mu bikorwa by’Imana ku bagaragu be, kandi akaba ari ibangikanyamana ribi kurusha ubujiji bw’abarabu, kubera ko abahakanyi b’abarabu ntibigeze babangikanya Imana mu bikorwa bye ku bagaragu ahubwo babangikanyije Imana mu kuyigaragira, kandi babangikanyaga Imana mu gihe cy’ibyiza n’umunezero naho mu gihe cy’ibibazo n’ibizazane bagaharira Imana amasengesho , nkuko Imana ibivuga: ((**MU GIHE BURIYE UBWATO BASABA IMANA BAYIYEREJEHO AMASENGESHO, IMAZE KUBAROKORA IBAGEJEJE KU BUTAKA BATANGIRA KUBANGIKANYA**<sup>50</sup>..))

Naho ku birebana n’ibikorwa by’Imana ku bagaragu be bari babizi banabyemera ko ari iby’Imana wenyine , Nkuko Imana ivuga : (( **UBABAJIJE NGO NINDE WABAREMYE BAVUGA NGO NI IMANA**<sup>51</sup> .))

Imana iravuga iti : (( **VUGA UTI NI NDE UBAHA AMAFUNGURO ATURUTSE MU KIRERE NO MU ISI , CYANGWA SE NI NDE UFITE MU BUSHOBOZI BWE KUMVA NO KUREBA , NI NDE UKURA IKIZIMA MU GIPFU AGAKURA IGIPFU MU KIZIMA NI NDE MUGENGA, BAZAVUGA BATI NI IMANA , ESE KO MUDATINYA**<sup>52</sup> .))

Imirongo kuri iki gisobanuro ni myinshi.

Naho ababangikanyamana ba vuba hari ibyo bongeye k’ubyababanjirije mu buryo bubiri ,

1- Ibangikanyamana ku bikorwa by’Imana

2- Ibangikanyamana ryabo mu gihe cy’umudendezo n’amakuba, nkuko bizwi na buri wese wabanye nabo akamenya imibereho yabo akabona ibikorwa ku mva y’umwuzukuru w’Intumwa y’Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n’imigisha ) n’imva y’uwitwa Al Bad’wiyy n’abandi bari mu misiri , ndetse n’imva y’uwitwa Al Ay’durusiy mu muji wa Eden, n’imva y’uwitwa Al Hadiyy na Ibun Al Arabiy mu gihugu cya Shami, na Sheikh Abdul Qadir Al Djilaniyy muri Iraq , n’izindi mva zizwi abantu barengereye bakazajya bahakorera ibiri mu kuri kw’Imana.

---

<sup>50</sup>Qoran igice cya 29 umurongo wa 65

<sup>51</sup>Qoran igice cya 43 umurongo wa 87

<sup>52</sup>Qoran igice cya 10 umurongo wa 31

Ni bake cyane babagaragariza ikinyoma cyabo akanabagaragariza n'ukuri nyakuri ku myemerere yahishuriwe Intumwa Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ndetse n'abamubanjirije mu ntumwa n'abahanuzi, Mu byukuri twavuye ku Mana kandi ni naho tuzasubira.

Turasaba Imana ko yabagarura ku murongo mwiza, kandi ababwirizabutumwa bahamagarira ku kuri bakaba benshi muri bo, kandi ko yatunganyiriza abayobozi b'abayisilamu n'abamenyi babo bakabasha kurwanya iri bangikanyamana no kurirandura burundu kuko Imana irumva kandi iri na hafi.

Mu yindi myemerere ihabanye n'imyemerere nyakuri mu muryango urebana n'amazina y'Imana n'ibisingizo byayo ni imyemerere y'abanyabihimbano mu idini harimo abitwa: AL DJAH'MIYAT, AL MUUTAZILAT, ndetse n'abandi bakurikiza inzira yabo mu guhakana ibisingizo by'Imana ndetse no gutesha agaciro ibisingizo byuzuye bizira ubusembwa, ndetse no gusingiza Imana kwabo bavuga ko ibisingizo bye bitabaho, bidashoboka, Imana iri kure y'izo mvugo zabo, aha na none hakubiyemo ku bahakana bimwe mu bisingizo bakemera ibindi nk'abitwa AL ASHAA-IRAT, kuko basabwa ku bisingizo bemeye ko hari ibindi byasimbura ibyo bahakanye, ndetse bakagoreka n'ibisobanuro by'ibyo bisingizo, batandukana na za gihamya zo kumva n'ubwenge, maze habaho kuvuguruzanya kugaragara.

Naho abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha bemeje banashimangira ibisingizo byashimangiwe n'Imana ubwayo ko biyiranga ndetse banashimangira ibyashimangiwe n'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) mu mazina n'ibisingizo ku buryo bwuzuye budafite inenge maze beza Imana kuba yasa ikanagereranywa n'ibiremwa byayo, kandi Imana iri kure y'ipfobya ry'ibisingizo bye, babishimangira bagendeye kuri za gihamya zose ntibagobeka mu bisobanuro, bagira amahoro mu kudahuza kwabaye ku bandi.

Nkuko byagaragajwe, iyi niyo nzira yo kurokoka n'umunezero ku isi no ku munsu w'imperuka, akaba ari inzira igororotse yanyuzwemo n'abatubanjirije muri uyu muryango n'abayobozi bawo, kandi abanyuma babo ntibari gutungana keretse aba mbere batunganye, ni ugukurikira igitabo aricyo Qoran n'imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ndetse no kureka ibitandukanye nabyo byombi.

Imana niyo itunganya kandi ni Nyir'ubutagatifu araduhagije ni nawe mwiringirwa mwiza, nta bushobozi n'imbaraga uretse ibye , Amahoro n'imigisha bibe ku mugaragu we n'Intumwa ye Intumwa yacu Muhammadi n'umuryango we n'abasangirangendo be.

**CYAHINDUWE MU KINYARWANDA  
NA  
SHEIKH HAKIZIMANA HASSAN**

**USHINZWE IBWIRIZABUTUMWA KURI RADIYO VOICE OF  
AFRICA AKABA NA IMAMU W'UMUSIGITI WA AL FAT'H (**  
**ONATRACOM )**

**KIGALI/RWANDA**